REPUBULIKA Y'U RWANDA

KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'ITORERO
www.nic.gov.rw

ITANGAZO RIGENEWE ABAZITABIRA ITORERO INDANGAMIRWA ICYICIRO CYA 13 /2020

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero ifatanije n'izindi nzego yateguye Itorero Indangamirwa icyiciro cya 13/20, rizabera mu Rwanda kuva tariki **30 Kamena 2020 kugeza tariki 08 Kanama 2020**. Iri Torero rizitabirwa n'uruyiruko rw'Abanyarwanda baba mu mahanga n'Indashyikirwa zitoranyijwe mu Rwanda kugira ngo atozwe Umuco w'Ubutore n'Indangagaciro ziranga Umunyarwanda.

Ibisabwa Abazitabira Itorero
Umuntu wese uzitabira Itorero agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1. Kuba ari Umunyarwanda kandi afite icyangombwa kimuranga ID cyangwa Pasiporo n'ikarita y'ishuri ku banyeshuri.
2. Kuba afite imyaka kuva kuri 18 kugeza ku myaka 35 y'amavuko.
3. Kuba biturutse ku bushake bwe.
4. Kuba yararangije byibura amashuli atandatu yisumbuye (S6).
5. Kuba yaboneka kuva ku itariki 30/06/2020 kugeza tariki 08/08/2020 .
6. Kuba ashobora kwiyishyurira amafaranga y'urugendo kugera no kuva mu mujyi wa Kigali ava cyangwa ajya iwabo.
7. Kuba afite ubuzima buzira umuze .
8. Kuba adatwite cyangwa atonsa.

Komisiyo y'Igihugu y'Itorero irakangurira abujuje ibisabwa kwiyandikisha mw'Itorero Indangamirwa 13/2020 hakiri kare.

Uburyo bwo Kwiyandikisha

Uwifuza kwitabira Itorero Indangamirwa 13/2020 arasabwa kwiyandikisha kuri rumwe mu mbuga zikurikira yuzuza ifishi ihaboneka yabigenewe:

1. Komisiyo y'Igihugu y'Itorero: www.nic.gov.rw .
2. Minisiteri y'Uburezi: www.mineduc.gov.rw.
3. Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga,Ubutwererane n'Umuryango w'Afurika y'Iburasirazuba: www.minaffet.gov.rw.

Kwiyandikisha bizatangira tariki ya **01 Werurwe 2020 bikazarangira tariki ya 30 Gicurasi 2020**.

Uburyo bwo gusubiza uwemerewe kwitabira Itorero Indangamirwa

Uwemerewe kwitabira Itorero azahabwa igisubizo kuri e-mail azaba yatanze mu mwirondoro we, mu gihe cyo kwiyandikisha.

Ku bindi bisobanuro mwabaza:

1. **Madamu UZARAMA Fausta , Telefoni + 250 785 556 388 .**
   E_mail: fuzarama@nic.gov.rw

2. **Madamu MUTESI Stella, Telefoni 0788 85 0154**
   E_mail: smutesi@minaffet.gov.rw

3. **Bwana NIYONGABO Eric, Telefoni + 250 788 476378.**
   E_mail: eniyongabo@mineduc.gov.rw

Bikorewe i Musanze, Tariki 02 Werurwe 2020.

NATIONAL ITORERO COMMISSION

Désiré MIGAMBI
Lt Col
Visi Perezida wa
Komisiyo y'Igihugu y'Itorero